# EJO HEZA

## H'URUBYIRUKO

*Akanyamakuru k'ikigo cy'urubyiruko cya Nyamasheke*

youth friendly center


Nimero 6 Akanyamakuru gasohoka rimwe mu gihembwe

Telefone: 0788541052 - 07 87791293 - 07 22 58 06 38

E-mail: ejoheza2013@yahoo.fr, nyamashekeyfc@gmail.com www.nyamashekeyegocenter.webs.com

Aka kanyamakuru ntikagurishwa!


## Nyamasheke: Ejo hazaza harategurwa, hagakorerwa hakanarindwa Minisitiri Nsengimana J.Philbert



## AKARERE KA NYAMASHEKE KABONYE UMUYOBOZI MUSHYA



MAYOR KAMALI Aime Fabien

## MINI EXPO NO GUTANGA CERITIFIKA






## UMUGANDA W'URUBYIRUKO WIHARIYE MU KARERE KANYAMASHEKE



## Umuhanzi Knowless ni muntu ki?



## ACURUZA Me 2U AFITE UBUMUGA BWO KUTABONA




Created with nitro PDF professional
download the free trial online at nitropdf.com/professional

# IJAMBO RY'IBANZE



Turabasuhuje nshuti basomyi ba Ejo heza. Mbere na mbere tubanje kubiseguraho ku mpamvu zo kutabagezaho akanyamakuru kanyu ku gihe. Ibi bikaba byaratewe n'impamvu zinyuranye ariko zitabujije ko twari tukibazirikana.

Tubazaniye rero nimero ya 6 ya EJO HEZA H'URUBYIRUKO, aha murasangamo byinshi byagiye bihinduka ndetse n'ibyiyongereyemo byose bikaba byaraturutse ku byifuzo bya benshi muri mwe nshuti zacu.Tuboneyeho kandi kongera kubibutsa ko tucyakira ibyifuzo ndetse n'ibibazo byanyu binyuranye kugirango turusheho kubategurira akanyamakuru kanyu ku buryo bubanogeye.

Rubyiruko, nshuti za Ejo heza by'umwihariko, turabamenyesha ko ushaka kutugezaho igitekerezo cye wese yatwandikira kuri aderesi yacu cyangwa se akakigeza ku kigo cy'urubyiruko cya Nyamasheke.

Ubwanditsi

# IJAMBO RY'IBANZE


*-Ijambo ry'ibanze……………………………………………Paji2*
*- Akamaro katungurusumu k'umubiri wacu………………………………………Paji3*
*- Acuruza Me2u afite ubumuga bwo kutabona......................... …………………… Paji4*
*-Ejo hazaza harategurwa...........................................Paji 5*
*-Bite mu bigo by'Urubyiruko..... ............Paji6*
*- Umuhango wo gutanga ceritifika no gusura Mini expo......……………………………………………Paji7*
*-Urukundo n'imibanire.....…………………………………Paji8*
*-bahanzi na musika....………………….……………………Paji 9*
*- Umuganda w'ihariye w'Urubyiruko../.....………………………Paji 10*
*-Akarere ka Nyamasheke kabonye abayobozi bashya.......…………………………………Paji11*
*-Duseke kandi Baranatwandikiye………………………………Paji12*



**ITSINDA RY'UBWANDITSI:**

**NYIR'IKINYAMAKURU** : *Ikigo cy'urubyiruko cya Nyamasheke*
**UMWANDITSI MUKURU:**
*NDANGA Janvier*
**INAMA Y'UBWANDITSI :**
*SINZINKAYO Etienne*
*MUKANDORI Denyse*
*HITABATUMA Maurice*
**ABAKORERABUSHAKE :**
*MUGEMANGANGO Yvonne*
*UMUTONI Carinne*
**UMUNYAMABANGA :**

*MUHOZA Olivier*






Created with nitro PDF professional
download the free trial online at nitropdf.com/professional



## AKAMARO KATUNGURU SUMU KU MUBIRI W'UMUNTU



Bimwe mu bimera bitandukanye bikunze kuboneka hirya no hino yaba ku masoko, ibyo abantu bihingira ndetse babasha kubona ku buryo bworoshye bishobora kuvamo imiti ibafasha kwirinda indwara zitandukanye. Muri bimwe muri ibyo bihingwa harimo Tungurusumu.

Nk'uko tubikesha igitabo "*Tumenye kwivura dukoresheje ibyo Imana yaremye*" Vol 1&2.Tungurusumu ibarirwa mu byo kurya bishinzwe gutunganya no kuvura imitsi minini. Ishinzwe gukiza no kurinda abantu ibibi byinshi nk'ukobyanditse ku ipaji ya 30 y'icyo gitabo. Tungurusumu itera abantu kurama kandi abantu bayikoresha muri gahunda yo kurya ntibakunze guhura n'indwara ya Kanseri.

Iki gitabo gitanga urugero ko mu gihugu cya Misiri Tungurusumu yari ibariwe mu byo kurya bitera imbaraga abakoraga imirimo ivunanye y'uburetwa mu gihe cy'Abisiraheri. Abagiriki nabo ngo bari barayigeneye kuribwa n'abakora amarushanwa yo kwiruka kuko itera ubwira n'umwete udacogora. Abanyamerika nabo ngo basanze tungurusumu ifite akamaro kanini mu kunganira ingingo. Ibyo ngo bituma iyo bagiye gusura akarere kafashwe n'icyorezo bakunda kugenda bafite tungurusumu ngo bayihe izo ndembe nk'uko bigaragara kuri paji 31 y'icyo gitabo.

Tungurusumu yongerera umubiri ubutaraga bwo kwirwanaho iyo utewe n'indwara,ikindi ni uko irinda indwara zo mu Kanwa,ikaba ishinzwe gutunganya inkari. Iburizamo indwara y'umuriro. Tungurusumu igabanya umuvuduko w'amaraso ikaba ibaye intandaro yo gukiza umutima. Iyo amaraso agenda buhoro cyane Tungurusumu iyongerera umuvuduko,bigakiza indwara yo guhorana ubwoba bwinshi no kwikanga. Hakaba hari igihe usa n'ukomeretse ,cyangwa gupfa ukindutse.urwo rupfu rutunguranye ruterwa no guturika kw'imitsi ishinzwe kugaburira umutima bita"altere coronaire"kenshi ikaba iterwa guturika n'agahinda.Nicyo gituma tungurusumu ibarirwa mu byo kurya byagenewe abantu bafite agahinda. Tungurusumu irinda amaraso kwigira umubumbe"fluidifiant sanguine"nicyo gituma ivura neza imitsi yipfundikanya.Ivura ibiturugunyu no kuziba kw'imitsi ijyana amaraso cyangwa kwangirika kw'imitsi gukomotse mu maraso atagera mu mpande zose z'umubiri.

Ibyo bituma bayita inshuti y'inzira y'amaraso.Tungurusumu irinda umuntu kurwara ibyo bita"*infractus de myocarde*".Iyo ni indwara y'umutima irangwa no guturika tw'udutsi duto two mu mutima. Iyo ndwara irangwa n'uburyane bwinshi bwo mu mutima ahagana mw'ibere ry'ibumoso no mu mugongo w'uruhande rw'ibumoso.Amaraso akagenda buhoro,umutima ugatera ufite akajagari.Igabanya urugimbu ruri mu mubiri"hypolipemiant". Igabanya isukari nyinshi mu mubiri "hypoglycémie"bigatuma ibarirwa ku rutonde ruvura indwara ya Diabete. Irinda abantu indwara y'impiswi no gukunda kuribwa mu mara. Igabanya n'umwuka mwinshi mu maraso no mu gifu ariwo utera gusuragura kenshi cyangwa gutura amangati. Igeze mu myanya yo kwihagarika"appereil irinaire"ikiza indwara yo kujya uribwa mu ruhago cyangwa kununka ariyo mpumuro mbi mu myanya ndangagitsina. Ikiza n'izindi ndwara ziryanira mu mugongo ,ariko abo zikunda gufata ni igitsina gore,izo ndwara zigahura n'itako ugasanga umuntu aracumbagira.

Iyo Tungurusumu igeze mu myanya yagenewe guhumeka « appareil respiratopire » yiyambaza imyunyu ngugu bita « disulfure du diallyle » inyuza impumuro yayo mu nzira z'umwaka maze igakiza indwara z'inkorora.Impumuro yayo iboneza akarandaryi ko mu nzira z'umwuka. Icyongereye kuri ibyo ni uko irinda abantu indwara y'ubuhwima"asthme"igatera gusohora igikororwa bitakugoye. Kurya tungurusumu byungura umubiri,bigatera ingingo kwirwanaho,bikongera ubutaraga bw'ingingo,uturemangingo twa tungurusumu dutembera neza mu maraso tukirukana amaraso yipfundikanya bikarinda Kanseri.Uko ikomeza gutembera niko ikomeza kwirukana mikorobi yirundanirije mu ngingo. Tungurusumu itegekewe no kunganira abarwayi ba Sida kuko ibatera kurama. Iyo bayiriye itera ingingo kwirwanaho. Tungurusumu irwanya inzoka zo mu mubiri zo mu bwoko bwa runwa "ascaris hamwe na oxyres"zikunda kuba mu mara.Itera kwituma neza no gusohoka kw'imyanda isohokera mu ruhu.Itera imbaraga nicyo gituma igenwa nk'ibiryo by'abanyantege nke cyangwa abakunze kugwa agacuho ndetse n'abataryoherwa n'ibyo kurya n'abahorana indurwe y'ikirenga. Tungurusumu igira icyo imarira abarwaye rubagimpande no kuribwa mu mpyiko n'amatwi cyangwa kuribwa mu gitsi cy'ikirenge no kuribwa mu ngingo. Ni byiza gukoresha tungurusumu mu ngo zacu kuko zifite umumaro ukomeye ku mubiri w'umuntu. N'ahanyu rero kuko kwirinda biruta kwivuza.


***Muri nomero itaha tuzabagezaho uko tungurusumu ifite uruhare runini mu kurwanya Kanseri***

***Inkuru yateguwe na NDANGA Janvier hifashijwe www.muganga.com***

Created with nitroPDF professional
download the free trial online at nitropdf.com/professional

# ACURUZA Me2u AFITE UBUMUGA BWO KUTABONA

*Mu gihe hari abantu bafite ubumuga bakiheza mu bikorwa by'iterambere,Umusore witwa IRAMBONA David ufiteubumuga bwo kutabona, we yamenye ko hari ibyo ashoboye,atangira gucuruza amafaranga yo guhamagaza (amainite cyangwa Me2u) akoreshejeTelefoni ye*



**I**rambona David, umusore w'imyaka 25 utuye mu mudugudu wa Ninzi , akagari ka Ninzi, Umurenge wa Kagano mu karere ka Nyamasheke yavukanye ubumuga bwo kutabona, akaba ari n'imfubyi aba kumubyeyi we wa Batisimu.

Nyuma yo kubona ko azagira ejo he heza ari uko abigizemo uruhare, yafashe icyemezo cyo gucuruza Me2u za MTN, ubu akaba amaze amezi asaga arindwi akora ubu bucuruzi. Irambona avuga ko yatangiye ubu bucuruzi ahereye kumafaranga ibihumbi bitanu(5000frws) yari yahawe mu nama yari yitabiriye ku karere mu kwezi kwa Nzeri2014 aho agira ati:"Nitabiriye inama ku karere bampa amafaranga ibihumbi icumi byitiki, ngeze murugu 5000 ndayikenuza ayandi nyaheraho nshaka icyo nakora, mpitamo gucuruza Me2u,kandi nizera ko bizanteza imbere".

Mu gihe yatekerezaga gucuruza Me2u, abantu benshi ntibiyumvishaga uko yazabishobora kandi atabona, ndetse yabanje no gukoreshwa ikizamini kugira ngo yemererwe kurangura Me2u. Ubwo hizihizwaga umunsi mpuzamahanga w'abafite ubumuga mu kwezi k'Ukuboza 2014,Irambona David yatanze ubuhamya bw'umurimo we, bityo umwe mubari aho agira amatsiko y'uko abikora ahita amugurira Me2u ako kanya maze bose bibonera kandi bemera ko bishoboka.

Dvid aba yambaye umwambaro w'umuhondo wa MTN abasanzwe bakora iyo serivisi bakunze kwambara, umukkiriya akamubwira nomero ze za Telefoni agahita azandika muri Telefoni ye mu masegonda macye amafaranga akaba yamugezeho.Ibi akabishobora bitewe n'uko yize inyandiko z'abatabona(Brailles). Irambona avuga ko kuba azi aho nomero akanda ziherereye bimufasha guita amenya uko ahereza Serivisi umukiriya we mu gihe gito kandi ntakwibeshya.

Uyu musore atangaza ko mu gihe gito amaze acuruza Me2u yagiye abona inyungu agakemura utubazo afite ndetse n'igishoro kikaba cyarazamutse. Avuga ko aramutse abonye indi nkunga igeze nko ku bihumbi mirongo itanu yatangira kujya atanga serivisi zo kubitsa ,kubikuza no koherezanya amafaranga hifashishijwe Telefoni(Mobile Money). Uyu musore wifitiye icyizere,avuga ko kuba abafite ubumuga baramenye ko bafite uburenganzira, ari kimwe mu bituma bamenya ko bafite ibyo bashoboye.Agira ati:"Natwe turashoboye,dukore tugamije guca burundu umuco wo gusabiriza, ndetse kugeza ubwo natwe tuzagira abo dufasha badafite ubumuga".

Irambona David watangiye gucuruza Me2u afite amafaranga 5000 gusa, ubu ageze ku 45 000; ndetse akaba afite n'ubushobozi bwo kumenya ibiceri n'inoti zose kuva ku500 kugeza ku5000. Ubwo twakoraga iyi nkuru Irambona yari arye ari bwerekeze mu karere ka Rubavu kwiga ubukorikori bwo kuboha imipira hakoreshejwe imashini mu kigo cyitwa Ubumwe Community Center(UCC) kandi ngo azakomeza gukora n'uyu murimo wo gucuruza Me2u.

Abayobozi mu nzego zose zitandukanye zihora zisaba abantu bafite ubumuga kubyaza umusaruro amahirwe bagenda bahabwa n'umurongo wa Politiki washyiriweho kubinjiza mu iterambere ridaheza.Aha arasaba n'ababyeyi guhindura imyumvire yo kudaheza abana ndetse n'abandi bafite ubumuga.

***Iy'inkuru yateguwe na SINZINKAYO Etienne hifashijwe ikinyamakuru Jyambere***

Created with nitroPDF professional
download the free trial online at nitropdf.com/professional



# UKWEZI KW'URUBYIRUKO KWATANGIJWE NA HON MINISTER NSENGIMANA JEAN PHILBERT MU KARERE KA NYAMASHEKE




**Minisitiri w'urubyiruko n'ikoranabuhanga, Jean Philbert Nsengimana aributsa urubyiruko ko rugomba guharanira ejo heza harwo n'ah'igihugu muri rusange binyuze mu gukunda umurimo.**

Ibi Minisitiri Nsengimana yabitangaje ku wa 02 Gicurasi 2015 ubwo yatangizaga ukwezi k'urubyiruko mu Karere ka Nyamasheke ku nsanganyamatsiko igira iti "***twahisemo kuba umusingi w'iterambere***".



*Minisitiri atanga ceritifika kubize muri YFC*



*Minisitiri asura icyumba mpahabwenge muri VTC Shangi*

Minisitiri Nsengimana yagize ati "Ejo hazaza harategurwa, hagakorerwa, hakarindwa. Mufite inshingano yo gutegura ejo hazaza hanyu n'ah'igihugu, mugahaguruka mugakora kandi muzirikana ko muri abarinzi b'ibyagezweho n'ibizagerwaho".

Yasabye urubyiruko kumenya amahirwe ari mu karere kabo bakayaheraho biteza imbere agira ati "Mukunde umurimo mukore cyane kandi mwite ku ikoranabuhanga nibwo muzakora byinshi kandi mu gihe gito".

Minisitiri Nsengimana yanibukije urubyiruko kudapfusha ubusa amahirwe rwahawe na Perezida wa Repubulika, Paul Kagame, yo kugaragaraza umusanzu warwo mu kubaka igihugu binyuze mu kwezi kw'urubyiruko.

Yagaragaje ko ukwezi k'urubyiruko kugamije guha urubyiruko umwanya rukagaragaza umusanzu warwo mu iterambere ry'igihugu, guteza imbere umuco wo gukunda igihugu, kugikorera no kurinda ibyagezweho, gusobanukirwa amahirwe yo kwiteza imbere ari mu karere no gutangira kuyakoresha.

Yakomeje agira ati "Ni umwanya kandi wo kwicara no gusesengura ibibazo byugaraije urubyiruko rw'u Rwanda no kubishakira umuti hagamijwe gukomeza kubaka ejo hazaza h'urubyiruko n'ah'igihugu muri rusange".

Umuyobozi w'Akarere ka Nyamasheke, Kamali Aimé Fabier yagaragaje ko urubyiruko rwa Nyamasheke rumaze kugera ku bintu bitatu by'ingenzi aribyo guca ibiyobyabwenge n'ubuzererezi, kwibumbira mu makoperative y'ubuhinzi, no kwitabira kwiga amashuri y'imyuga (TVET).

Habimana Gervais,wari uhagarariye umuhuzabikorwa w'inama y'igihugu y'urubyiruko mu Karere ka Nyamasheke, yavuze ko uku kwezi kuzibanda ku bikorwa by'ubwitange no gukunda igihugu, kwibuka urubyiruko rwose rwishwe mu karere tariki ya 15/5/2015, no kubakira abarokotse Jenoside batishoboye.

Bazibanda kandi ku gusobanurira urubyiruko amahirwe yo kwiteza imbere ari mu karere, gushyiraho nibura itsinda ryo kwizigama muri buri kagari, gushishikariza urubyiruko umuco wo kwizigama bigamije ishoramari, guteza imbere ikoranabuhanga no guhugura urubyiruko ku gukoresha mudasobwa biciye mu byumba mpahabwenge (telecenters).

***NDANGA Janvier, Nyamasheke YFC***

Created with nitro PDF professional
download the free trial online at nitropdf.com/professional

# UBUMENYI BAHEREWE MU KIGO CY'URUBYIRUKO CYA NYAMASHEKE BUZABAFASHA KWIHESHA AGACIRO MU ITERAMBERE

*Urubyiruko rwigishijwe imyuga n'ikigo cy'urubyiruko cya Nyamasheke ,ruratangaza ko ubumenyi rwahawe buzababafasha guhanga umurimo maze rukihesha agaciro mu iterambere. ibi bitangazwa na bamwe mu barangije kubagaragariza icyereko. Nk'uko bitangazwa na bamwe muri bo ngo uwize umwuga ntabura icyo akora, kuko ashobora kwihangira umurimo akiteza imbere. MUKANDAYISENGA Henriette w'imyaka 20 ukomoka mu murenge wa Shangi, ni umwe mu barangije kwiga ubudozi , ubu ngo akaba yaramaze kwibonera imashini ye bwite akoresha kandi yayiguze mu nguzanyo azagenda yishura buhoro buhoro.*

*Mukandayisenga agira ati" kuri ubu ni ukwigira, nta gutega amaso hanze. Ni yo mpanvu nagiye kwiga umwuga w'ubudozi kugira ngo nzagire icyo nigeza ho".*

*Uyu mukobwa akomeza avuga ko ubumenyi afite bwo kudoda amakanzu,amajipo,amashati n'amapantaro bumufasha kwinjiza amafaranga akishyura imashini kandi akabona nayo kwikenuza mubyo akeneye atagombye kugira uwo ategera amaboko amusaba amavuta yo kwisiga.*





*MUKANDAYISENGA avuga ko ataratangira gukora uyu murimo ku burjyo buhoraho kuko abona abakiriya bake. Nyamara ngo inzozi ze ni ukuzigeza kuri byinshi. ibyo ngo akazabigeraho namara kubona abo bishyira hamwe bakibumburira muri koperative, bagahuza imbaraga. Bityo akaba asaba abakobwa bagenzi be kugana ikigo cy'Urubyiruko cya Nyamasheke kuko kibafasha kwiga imyuga nta kiguzi babasabye.*

*Mu mwuga w'ubudozi, iki kigo kimaze kwigisha abantu 72 urutse Ubudozi,ikigo cy'Urubyiruko gihugura abakigana mu yindi myuga nko mu Ikoranabuhanga, gusudira n'ibindi.*

*Kuva iki kigo cy'Urubyiruko gitangira muri 2012, kimaze gufasha urubyiruko rwinshi kwibumbira muri za clubs Anti-sida, abazigize bagahabwa amahugurwa bityo na bo bakajya gufasha abandi mu kubigisha ubuzima bw'imyororokere nk'abakangurambaga b'urungano. Izi Clubs kandi zagiye zinahabwa inkunga kugira ngo zitangire gukora nka koperative, zikora imishinga iciriritse y'ubuhinzi n'ubworozi yabafasha kwiteza imbere.*

*Ubwo abagize Forum y'Imibereho myiza mu Nteko Ishinga amategeko, Abadepite n'Abasenateri,basura iki kigo mu mpera z'umwaka ushize wa 2014, bashimiye imikorere iharangwa. Bakaba basabye abayobozi b'Iki Kigo kurushaho kunoza ibitagenda,cyane cyane bagakangurira urubyirukogutekereza ku mbaraga bafite no kuzikoresha kugira ngo bubake iterambere ry'ejo hazaza.*

***Inkuru ya teguwe na NDANGA Janvier, Nyamasheke YFC***

Created with nitroPDF professional
download the free trial online at nitropdf.com/professional

# ABIZE IMYUGA MU KIGO CY'URUBYIRUKO CYA NYAMASHEKE BAHAWE SERITIFIKA

*Kuri uyu wagatandandatu tariki 02/05/2015 mu kigo cy'Urubyiruko cya Nyamasheke hatanzwe seritifika k'Urubyiruko rwize ubudozi,ICT,Hanga umurimo na START UP.*





**Bwana MWESIGWA Robert asura Mini Expo**

**Bwana MWESIGWA Robert na Joel batanga ceritifika**

*Muri iki gikorwa kidasanzwe cyabereye mu kigo cy'Urubyiruko cya Nyamasheke hagaragaye itorerohamwe na club ya karate za susurukije urubyiruko rusaga 300 rwari rwitabiriye umunsi.*

*Urubyiruko rwa rangije muri Start up hamwe nabize ubudozi babashije kugaragaza ibyo bize mu imurika bikorwa a, aho hagaragaye agashya ku'urubyiruko rugurisha imyenda ya decoration n'ubukorikori*

*Muri uyumuhango na none hari intumwa ya MYICT Bwana Joel aho bafatanyije na Bwana MWESIGWA Robert hatanzwe ceritifika 86.Bwana Mwesigwa Robert yasuye kandi salon de coifure muxte izigisha gusuka,kwogosha, guca inzara no kudefiriza yishimiye cyane ibikorwa bihari.*

*Mw'Ijambo rjye Bwana MWESIGWA Robert yabwiye Urubyiruko rwari aho ko rwakoresha amahirwe rwahawe bakayabyaza umusaruro bihangira imirimo bakaba ba rwiyemezamirimo aho gukorera abandi.*

*Yakomeje abwira urubyiruko ko azakomeza kubafasha mubikorwa bitandukanye bibera mu kigo cy'Urubyiruko cya Nyamasheke .*

*Inkuru yateguwe na NDANGA Janvier*

Created with nitroPDF professional
download the free trial online at nitropdf.com/professional



# URUKUNDO N'IMIBANIRE

## *URUKUNDO NYARUKUNDO.*

Umuhungu numukobwa barakundanaga cyane pe nuko bagera mugihe cyo gukora mariage, mbere yuko bashyingirwa umukobwa akora accident ashya mumaso mbese isuraye irahinduka abona yabaye mubi.cyane yandikirafianceweilettreagira ati :

Cheri wange ndagukunda ariko ntitwabana kuko nahiye mumaso isura yange yabaye mbi cyane kd nzabigumana ubuzima bwange bwose ntushake kunyumvishako ntakibazo bigutera kuko naho utagira icyo umbwira nziko mumutima isura yange izajya ikubangamira rero sinabana nawe shaka indinkumi nziza muzabane kuko nge ntabwo nkumerita(singukwiriyembese).

Muminsimike fiance we aramusubiza agira ati :

ahubwo utagukwiriye ningewe kuko mvuye kwamuganga muganga yambwiyeko kuri cyakibazo cyange cyamaso nzaba impumyi ubuzima bwange bwose.niba unyemera nubuhumyi bwange ndifuzako twabana kuko ndagukunda numutima wange wose. Nuko barashyingirwa bagira nubukwe bwiza umuhungu arimpumyi umukobwa nawe isuraye yarahiye . Babana 20ans bishimye bagikundana umugore aramuyobora mbese amubera amaso aho umugabowe atareba.

Umunsi umwe wamugore ararwara cyane kuburyo nta chance zogukira yarafite arababara cyane ukuntu agiye gusiga umugabowe atabona yibaza uko azabaho atabona. nuko akiri kwamuganga wamugabowe aramubwira ati cherie harikintu nshaka kukubwira: bagiye kubona babona wamugabo afunguye amaso arareba

abantu bose birababatungura arangije abwira umugorewe ati :

***NTABWO NIGEZE MBA IMPUMYI. NABESHYEKO NDIMPUMYI KUGIRANGO WEMEREKO TUBANA KD NANONE NABIKOREYE KUGIRANGO UMUGORE WANGE ATAZAJYA AHORANA IKIBAZO CYUKO ISURAYE IMBANGAMIRA AKUMVAKO ANTERA ISONI IYO DUSOHOTSE MBESE TUKABANA AFITE COMPLEXE.....***
***ARANGIJE AMUSEZERAHO KUKO IGIHE CYOGUSINZIRA CYUWO MUGORE CYARIKIGEZE.***

### *ISOMO :*

urukundo nyarukundo ntirureba ubwiza bwinyuma gusa ahubwo bureba ubwiza bwomumutima burya iyo ukundira umuntu ubwizabwe, kuko ari umunyabwenga,kuko afite amafaranga nibindi nkibyo urwo si urukundo kuko iyo ibyobishize nabimwe witaga urukundo birashira. Ikindi iyo ukunda umuntu umwakira uko ari nama defaut ye na qualite ze ukamufasha gutunganya ibitagenda neza kuko umutwe umwe ntiwigira inama.

***Ndanga Janvier, Nyamasheke YFC***

Created with nitro PDF professional
download the free trial online at nitropdf.com/professional



# URUBUGA RW'ABAHANZI NA MUSIKA



## Umuhanzi Knowless ni muntu ki?

*Ikinyamakuru Izuba Rirashe cyasuye murugo umuhanzi Butera bakunze kwita Knowless, bagirana ikiganiro kirambuye ku bijyanye n'ubuzima bwe muri rusange, haba mbere atari yaba umuhanzi na nyuma yaho.*

***Izuba Rirashe:*** *Witwa nde? Wavutse ryari? Uvukira he?* ***Knowoless:*** *Nitwa Butera Jeanne d'Arc uzwi kuri Knowless; navutse ku itariki ya 01 Ukwakira 1990, mvukira mu cyahoze ari Gitarama ubu ni mu Ntara y'Amajyepfo mu karere ka Ruhango.*

***Izuba rirashe:*** *Wize amashuri angahe?* ***Knowoless:*** *Nize amashuri abanza, ayisumbuye ubu ngeze mu wa kabiri wa kaminuza.*

***Izuba Rirashe:*** *Mbere yo kuba umuhanzi wakoraga iki?* ***Knowoless:*** *Ntacyo nakoraga kuko natangiye nkiri umunyeshuri mu mashuri yisumbuye; ubwo nari umunyeshuri.****Izuba Rirashe:*** *Ni iki cyatumye uhitamo kuba umuhanzi ?****Knowoless:*** *Narabikundaga, ikindi ni uko nakuze ndirimba muri korari, kuko mama wanjye yaririmbaga muri korari kenshi twajyana gusenga.nyuma nkura mbikunda naba mbabaye nkaririmba nkumva birashize.****Izuba Rirashe:*** *Ni izihe ngorane cyangwa se imbogamizi wagiye uhura nazo?****Knowless:*** *Ingorane abakobwa twese bo mu buhanzi dukunze guhura nazo ni ukumvisha imiryango ko ugiye kuba umuhanzi kuko, ababyeyi benshi bumva ko umukobwa w'umuhanzi aba ari ikirara. Ikindi ni uko isura y'ubuhanzi itari nziza kuri bamwe kuko abenshi bazi ko abahanzi ari babandi banywa ibiyobyabwenge abakobwa ari indaya. Jye rero mu muryango cyangwa hanze yawo bari bafite impungenge zo kuvuga ukuntu ngiye muri biriya bintu cyane ko bari bazi ko ngira isoni cyane bibaza ikintu gitumye mbijyamo. Ikindi ni ubushobozi kubera yuko kugirango ukore indirimbo ijye hanze ni uko uba wayishyuye.*

***Izuba Rirashe:*** *Kugirango ugere aho ugeze aha, ni iki watangiriyeho gifatika?* ***Knowless:*** *Nta kintu gifatika nari mfite, icyo nari mfite ni ubushake kuko natangiye numva ngiye kubikora mbishaka atari ukwishimisha ahubwo ari umwuga kandi impano yambeshaho.*

***Izuba Rirashe:*** *Kugeza ubu ubuhanzi bukugejeje kuki?****Knowless:*** *Kugeza ubu niko kazi kanjye ka buri munsi kandi kantunze, ntunga bamwe bo mu muryango wanjye tubana hano, nkirihira ishuri, mfite imodoka kandi ubu ndi no mu bwubatsi kuko ndi kubaka kandi uko Imana izakomeza kumpa ubushobozi niko nzakomeza guteza imbere ubuhanzi bwanjye ndetse n'ubuzima bwanjye.* ***Izuba Rirashe:*** *Ni iki wabwira abakobwa bagenzi bawe bakivuga ko ugiye mu buhanzi aba agiye mu burara cyangwa se mu buraya n'ibindi byinshi bitandukanye kubera imyumvire?* ***Knowless:*** *Icyo nabwira abakobwa cyane ariko abiyumva ko bafite impano yo kuririmba, nta mwuga udakiza iyo uwukoranye umutima wawe wose uragukiza uko byagenda kose, ariko nkabafite impano y'ubuhanzi nababwira ko ubuhanzi ari kimwe gishobora kubagirira akamaro, ariko gusa haracyari ikibazo aho abantu bumva ko kuba umuhanzi ari ukuba umustari aho umwana abyuka mu gitondo agahimba indirimbo akumva ko agomba kugera aho abandi bageze.* ***Izuba Rirashe:*** *Hari ibihembo wahawe? wabiherewe iki?* ***Knowless:*** *Nahawe ibihembo bitandukanye ariko byinshi ni bya Salax Award bikaba ari 3. Icya mbere nagihawe nk'umuhanzi mwiza ukiri mushya muri 2010, icya kabiri cyari icy'umukobwa mwiza w'umuhanzi wahize abandi muri 2011 naho muri 2012 nabwo ngihabwa nk'umukobwa mwiza w'umuhanzi wahize abandi. Ikindi nahawe ni cya Diva Award nahawe nk'umuhanzi mwiza w'umukobwa wahize abandi.*

***Izuba Rirashe:*** *Iyo uhawe ibihembo ubyakira ute wowe ubwawe?****Knowless:*** *Iyo mpawe ibihembo biranshimisha cyane kuko kiriya gihembo nahawe cy'umuhanzi mushya cyaranshimishije cyane. Igihembo nahawe bwa mbere nicyo cyanyongereye imbaraga zo gukora cyane kugira ngo inzozi zanjye zigerweho maze kugihabwa narishimye cyane. Ibi bimpa imbaraga cyane kuburyo ubutaha batazajya birirwa batora kuko bazaba bazi ugomba kugihabwa. Igihembo cya Diva Award cyaranshimishije cyane kuko bwari ubwa mbere kije gutangwa mu Rwanda nkabasha kucyegukana.*

***Izuba Rirashe:*** *Ese hari umuvandimwe wawe cyangwa se umubyeyi wawe waba awarafatiyeho urugero mu kuririmba?****Knowless:*** *Usibye mama waririmbaga muri korali nta wundi* ***Izuba Rirashe:*** *Ubuhanzi ntibukubuza gukora indi mirimo cyangwa ngo bukubangamire mu kwiga?* ***Knowless:*** *Ntabwo bimbangamira kuko mbukora nka kazi kandi mbikora mu masaha y'ijoro cyane kuko ariho tujya mu nzu zitunganya umuziki* ***Izuba Rirashe:*** *Ufite izihe nzozi cyangwa se urifuza kugera kuki ubikesheje ubuhanzi?****Knowless:*** *Ikintu nifuza kugeraho ni ukurenga u Rwanda, nkarenga EAC mbega nkarenga ibuhugu by'Afurika nkagera ku isi hose kuburyo abantu bose bazajya bifuza gucuranga indirimbo zanjye, gusa ntibiba byoroshye kugirango ubu umustari mpuzamahanga ariko nizeye ko Imana izabimfashamo* ***Izuba Rirashe:*** *Nizihe mbaraga uri gukoresha kugirango uzagere aho wifuza?* ***Knowless:*** *Imbaraga numva ngomba gukoresha numva mfite ni uko nyine uburyo ngomba kubikora ni uko nkora ibihangano bishobora kurenga u Rwanda, bishobora kudashimisha Abanyarwanda gusa ahubwo byashimisha abantu bose kuburyo n'Umunyamerika azabibona akumva yifuje gukina iyo ndirimbo, ubundi buryo ni promotion kuma televiziyo mpuzamahanga kuko nizo bakina ziba zidakanganye cyane.****Izuba Rirashe:*** *Kuva winjiye mu buhanzi ni kihe kibi wabonyemo cyangwa se icyiza wakuyemo?****Knowless:*** *Ikibi nabonye ni uko uryama gake cyane kuko tujya mu nzu zitunganya umuziki mu ijoro kuko ku manywa haba hari urusaku, noneho tugakora ijoro kuko ariho haba hatari urusaku kandi umuntu aba abashaka ko amajwi asohoka neza, uko ujyayo mu ijoro bikugiraho ingaruka ukaryama utinze. Icyiza biraruhura kuko jye* iyo *ndirimbo ndaruhuka kuko iyo ubikora ubikunda kandi ari impano nicyo kintu cya mbere kiruhura kandi kimara umubabaro waba ufite. Ikindi kandi nuko uhura n'abantu benshi kandi mu kamenyana kandi ukamenya ahantu hatandukanye.*

***Iy'Inkuru tuzayikomeza munimero itaha.***
***Inkuru tuyikesha Izuba rirashye***



Created with nitro PDF professional
download the free trial online at nitropdf.com/professional



# UMUGANDA W'IHARIYE W'URUBYIRUKO MU KARERE KA NYAMASHEKE



Ku itariki ya 07/03/2015 habaye umuganda wihariye w'urubyirukomu Karere ka Nyamasheke aho kurwego rw'Akarere wabereye mu murenge wa Kanjongo





Uy'umuganda warugamije kurwanya imirire mibi ku mashuri atanga ifunguro rjya sasita aho hakozwe uturima tw'igikoni 10 buri buri kagali mu Mirenge yose uko ari 15 mu Karere kaNyamasheke.

Uy'Umuganda kandi wari witabiriye n'Umuyobozi mushya w'Akarere Bwana KAMALI Aime Fabien, Umuyobozi w'Akarere w'Ungirije ushinzwe imibereho myiza Madamu GATETE Catherine , Umuyobozi ushinzwe abinjira n'abasohoka Bwana NTAGOZERA Moses Umuyobozi w'Ikigo cy'Urubyiruko Bwana NDANGA Janvier,Etat Civil waruhagarariye Umuyobozi w'Umurenge n'Agronome w'Umurenge ndetse n'urubyiruko rwinshi rwari rwiganjyemo Abasukuti bo mu Karere ka Nyamasheke

Nyuma y'Umuganda abanyeshuri bishimiye cyane uy'Umuganda kuko ngo bagiye kuzajya barjya ifunguro rjya sasita ryujuje imirire myiza.

Aha kandi Urubyiruko mubyishimo byinshi basabye Umuyobozi w'Akarere ka Nyamasheke ko bazabatumikire bageze kuri Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'Urwanda Paul KAGAME icyifuzo cyabo cyuko bamwifuza muri manda ya 3. aho bagaragaje byinshi yabagejejeho nko kubegereza amashuri abanza nayisumbuye aho buri mwana y'igira hafi y'iwabo.

Umuyobozi w'Akarere ka Nyamasheke Bwana KAMALI Aime Fabien mw'ijambo rye yashimiye cyane Urubyiruko uko rwitabiriye uy'umuganda ndetse anabasaba kubungabunga neza uturima tw'igikoni twubatswe ndetse n'imboga zizaterwamo.

Yakomeje asaba urubyiruko kwitwara neza mubiruhuko birinda ibiyobya bwenge no kwiyandarika m'ubusambanyi abibutsa ko umutekano ari ingezi.

***Inkuru yateguwe na NDANGA Janvier***

Created with nitroPDF professional
download the free trial online at nitropdf.com/professional

# AKARERE KA NYAMASHEKE: KABONYE UBUYOBOZI BUSHYA



*MayorKAMALI Aime Fabien*



*Perezida w'Inama Njyanama Dr NDABATEJE Telesphole*

**K**uwakane, tariki ya 25 Gashyantare 2015, nibwo Akarere ka Nyamasheke kabonye Perezida w'Inama Njyanama mushya ariwe Dr **NDABAMENYE Telesphole**; naho Umuyobozi w'Akarere mushya aba Bwana **KAMALI Aime Fabien**.
Ayo matora yo kuzuzaKomite nyobozi y'Akarere ndetse na Biro y'Inama Njyanama,yabaye nyuma y'uko uwahoze ari Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyamasheke Bwana MUSABYIMANA Innocent yeguye kumpamvu ze kuwa 28/12/2014. Nyuma y'igihe gito uwahoze ari Umuyobozi w'aka karere Bwana **HABYARIMANA Jean Baptiste**, nawe yaje kwegura kuwa 08/01/2015.

Ubwo **KAMALI Aime Fabien** yari amaze gutorerwa kuyobora Akarere ka Nyamasheke, yashimiye abamugiriye icyizere, nawe abizeza ubufatanye hagamijwe ubuzima bwiza bw'umuturage, anashimangira ko ubushake n'imbaraga bihari. Aha yagize ati:"**Ikizaza gikeneye imbaraga turazifite, Ikizaza gikeneye ubwenge turabufite, ariko byose mubufatanye kuko ariwo musingi wo kugera ku ntego**".
Kamali Aime Fabien watorewe kuyobora Akarere ka Nyamasheke yari asanzwe agakoreramo kuva mu 2006 nk'Umunyamabanga Nshingwabikorwa mu mirenge inyuranye, ubu akaba yayoboraga Umurenge wa Kanjongo.


**Dr NDABAMENYE Telesphole** uyoboye Inama Njyanama y'Akarere ka Nyamasheke, asanzwe ari Umuyobozi mukuru wungirije mu kigo cy'iterambere ry'ubuhinzi(RAB), ndetse akaba aherutse kugirwa Perezida w'Inama y'Ubutegetsi y'Ikigo cy'Iterambere ry'Ibidukikije(REMA). Akaba nawe yijeje ko azatanga umusanzu we mu iterambere ry'Akarere hashingiwe cyane cyane ku kunoza umurimo no gukorera ku ntego.
Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Intara y'Iburengerazuba, JABO Paul wari uhagarariye Umukuru w'Intara muri icyo gikorwa yashimiye abagize inteko itora ubushake bagaragaje, anabasaba gushyigikira abo batoye mu kurangiza inshingano zabo. Aha yasabye abamaze gutorerwa kuyobora Akarere n'Inama Njyanama kumenya gukorana neza no kubahana mu kazi kuko aribyo bitanga umusaruro. Jabo Paul kandi yasabye abayobozi bari bateraniye muri uwo muhango, gushishikarira kumva umuturage n'ibyifuzo bye, gucunga neza ibya Leta, gukorera mu mucyo no kwirinda gukora ikintu cyose cyabangamira inyungu z'umuturage.

Umuyobozi mushya watorewe kuyobora Akarere, yahise akorerwa ihererekanyabubasha na Bwana **BAHIZI Charles** wari warasigaranye izi nshingano, usanzwe ari Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe iterambere ry'Ubukungu. Akaba yashyikirijwe kumugaragaro ibikoresho n'ibirango by'igihugu, urutonde rw'abakozi n'umutungo w'Akarere, Imihigo Akarere kasinyanye n'Umukuru w'igihugu, imishinga inyuranye akarere gafite ndetse n'ibibazo by'abaturage bigikurikiranwa.


***Inkuru yateguwe na NDANGA Janvier***

Created with nitroPDF professional
download the free trial online at nitropdf.com/professional

# SOMA WISEKERE



*umugabo wariumuhehesi cyane yagize isabukuru y'amavuko,hagati aho ariko akagari umugore wamukundaga cyane kuburyo yunvaga ntacyo atamukorera kubw'urukundo ya mukundaga n'ubwo ya mucaga inyuma. ni uko umugore apanga kumukorera aga surprise(kumutungura),arabanza ashaka k'umuhamagara akamuririmbira kuri telefone,niko gushaka uko yamujijisha maze agura simcard nshyashya,arangije asiga umugabo muri salon ngo ajye kumuhamagarira mu gikoni atungurwe.Ni uko umugore aragenda arahamagara,umugabo rero kuko yagiranaga urukururano n'abakobwa batagira umubare yahehetaga, nyuma yo kunva ijwi ari iry'umukobwa yagizengo ni umwe muri bo maze aramwitaba ahita amubwira ati"Buretse ndaza kuguhamagara cherie, Rya shyano ry'umugore riri mu gikoni rije rigasanga tuvugana ryankeka amababa" .uri uwo mugore wakora iki?*









*Mutwandikire kuri aderesi yacu ikurikira*
**Email: *ejoheza2013@yahoo.fr***
***Dusange kuri facebook wandike***
***ijambo “ ejohezacu”***
Web: ***www.nyamashekeyegocenter.webs.com***

Created with nitro PDF professional
download the free trial online at nitropdf.com/professional